# Amakuru akenewe mu gusaba inkunga y'ingoboka igenerwa abashomeri muri Leta ya Maine

Videwo y'amabwiriza yerekeye buri ntambwe urayisanga kuri YouTube (iri mu rurimi rw'Icyongereza gusa)
Kugena konti yawe ya ReEmployME: https://www.youtube.com/watch?v=7ySVbKf9vi8
Gutanga ubusabe bwawe bwa mbere: https://www.youtube.com/watch?v=uW0qlXfU9lQ
Gutanga ubusabe bwawe bwa buri cyumweru: https://www.youtube.com/watch?v=tu0M9w-gWS4

Niba nta imeyiri ufite, fungura imeyiri muri Gmail (cyangwa Yahoo, Outlook).
Kugira ngo ugene konti y'ukoresha nshya ya ReEmployME, jya kuri www.maine.gov/reemployme maze uyifungure:

**Izina ry'ukoresha: ______________________________________________**

**Ijambobanga: _________________________________________________**

**IKITONDERWA! Suzuma imeyiri yawe nyuma yo gufungura konti yawe:**

1. Muri konti yawe, jya kuri Benefits Maintenance > Update Claimant Profile > Verify E-mail;

2. Kuri paji ikurikira andika Kode y'igenzura wakiriye kuri imeyiri iri muri dosiye kugira ngo ufungure imeyiri yawe cyangwa ukande ku ijambo 'here' (hano) kugira ngo hakorwe kode nshya maze yoherezwe kuri imeyiri iri muri dosiye. (Niba ukeneye indi kode y'igenzura, kanda kuri 'here' (hano). Urahita wohererezwa imeyiri irimo kode y'igenzura nshya.)

3. Numara kwakira kode y'igenzura nshya, usubire ku ntambwe ya 2 kuri ya paji n'ubundi maze wandike iyo kode kugira ngo urangize igikorwa cyo kwiyandikisha.

## Kugira ngo usabe inkunga y'ingoboka igenerwa abashomeri, ugomba gutanga ibi bikurikira:


1. Amazina yemewe n'amategeko (Izina ry'idini, irindi zina n'izina ry'umuryango)
2. Agasanduku k'iposita ukoresha
3. Nomero ya telefone yawe
4. Imeyiri
5. Igitsina (Gabo/Gore)
6. Itariki y'amavuko (ukwezi, umunsi, umwaka)
7. Nomero y'ubwiteganyirize (SSN)
8. Niba UTARI umwenegihugu w'Amerika, ugomba kuba ufite:
    a. Uruhushya rukwemerera gutura burundu muri Amerika (ufite "Ikari y'icyatsi");
    b. Inyandiko itanga uburenganzira bwo gukora muri Amerika ("Uruhushya rw'akazi") cyangwa

c. Inyandiko yo kwinjira cyangwa gusohoka yanditseho: “yemerewe gukora” (“Ikarita ya I-94”).










## Nomero iranga umunyamahanga

- Niba ufite ikarita y'icyatsi cyangwa uruhushya rw'akazi, andika nomero iranga umunyamahanga cyangwa nomero ya USCIS aho ifishi y'ubusabe bwo kuri interineti igusaba “Nomero iranga umunyamahanga”.

- Niba ufite ikarita ya I-94 yanditseho “yemerewe gukora”, andika nomero ya I-94 igizwe n'imibare 11 aho ifishi y'ubusabe bwo kuri interineti igusaba “Nomero iranga umunyamahanga”.

## Itariki icyangombwa kizarangiriho

Andika itariki icyangombwa cyavuzwe haruguru kizarangiriraho.

**IKITONDERWA:** Niba icyangombwa cyawe NTA gihe gifite kizarangiriraho, andika itariki kizaba kimaze umwaka gitanzwe uhereye ku itariki watangiyeho ubusabe.

- **Urugero:** Utanze ubusabe bw'inkunga kuri tariki ya 1 Mata 2020. Igihe icyangombwa kizarangirira ni kuri: tariki ya 1 Mata 2021.

## Ibisabwa kugira ngo wemererwe

- Amategeko agomba kuba yarakwemereraga gukora muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ubwo wakoreraga imishahara y'igihe fatizo.
- Amategeko agomba kuba akwemerera gukora mu gihe cyo gusaba inkunga y'ingoboka igenerwa abashomeri.
- Hazasuzumwa niba nomero y'ubwiteganyirize yawe cyangwa nomero iranga umunyamahanga yawe ziri mu bubiko bw'amakuru bw'igihugu. Bityo rero ugomba gukora ku buryo wandika amakuru yuzuye kandi ahuye n'ari kuri ibyo byangombwa.

## Amakuru asabwa ajyanye n'uwo mwashakanye ndetse n'abo utunze (abana)

- Amazina yemewe n'amategeko (Izina ry'idini, irindi zina n'izina ry'umuryango) y'uwo mwashakanye cyangwa umwana
- Nomero y'ubwiteganyirize
- Isano
- Itariki y’amavuko

## Amakuru ajyanye n'umukoresha cyangwa aho wakoze

Ugomba kuvuga abakoresha BOSE wakoreye mu mezi 18 ashize niba warakoraga akazi karenze kamwe cyangwa warakoreraga abakoresha barenze umwe

1. Izina ry'umukoresha (abakoresha) (andika izina ryuzuye ry'isosiyete)
2. Aderesi y'umukoresha (abakoresha) (andika aderesi y'isosiyete yuzuye ndetse ushyireho n'agasanduku k'iposita)
    a. Nomero ya telefone y'umukoresha (abakoresha)
    b. Amazina y'umuyobozi *(ntabwo yasabwe ariko ashobora kuba ngombwa kuyamenya igihe uramutse ufite ikibazo)*
3. Nomero ya telefone cyangwa imeyiri by'umuyobozi *(ntabwo byasabwe ariko bishobora kuba ngombwa kubimenya igihe uramutse ufite ikibazo)*

## Wahakoze igihe kingana iki ndetse watangiye ryari?

1. Amatariki uherukira gukoraho cyangwa igihe wakoraga
    a. Watangiye aka kazi ryari?  Ukwezi, umunsi, umwaka
    b. Ni ryari wahagaritse aka kazi (wasezerewe)? Ukwezi, umunsi, umwaka
2. Wakoraga amasaha angahe mu cyumweru ubwo wakoraga aka kazi?  Buri gihe cyangwa rimwe na rimwe?

## Wahembwaga angahe?

1. Wahembwaga angahe ku isaha? Umushahara ku isaha?
2. Umushahara mbube mu cyumweru (umushahara wose mbere yo gukuramo imisoro)
3. Umushahara uhabwa mu cyumweru (umubare w'amafaranga wakira)  (Reba kuri kopi ya sheki cyangwa kuri kopi y'inyandiko wishyurirwaho)
4. **Umushahara mbumbe:** garagaza amafaranga mbumbe yose winjiza buri cyumweru wakoze igihe utanga ubusabe bwawe. Iyo uramutse ugize ayo udatangaza (imperekeza, amafaranga y'ikiruhuko, agahimbazamusyi), bifatwa nk'uburiganya.

## Wifuza kwishyurwa ute?

Urasabwa kuvuga uburyo wifuza kwishyurwamo:  kuyashyira kuri konti isanzwe yawe cyangwa konti yo kuzigama yawe zo muri banki mukorana cyangwa kuyashyira ku Ikarita yo kwishyuriraho ya elegitoroniki (EPC). Iyi ni ikarita ibikurizwaho ya viza wakoresha kuri banki yose yo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

### Niba wifuza ko amafaranga ashyirwa kuri konti iri muri banki, uzaba ukeneye:

- Amazina ya nyiri konti iri muri banki
- Izina rya banki
- Aderesi ya banki
- Nomero ya telefone ya banki
- Konti isanzwe cyangwa yo kuzigama
- Nomero ya konti
- “Kode yo kohereza amafaranga” ya banki (igaragara kuri sheki)

Niba wifuza kwishyurirwa ku Ikarita yo kwishyuriraho ya elegitoroniki (ikarita ibikurizwaho ya viza), uzayoherererezwa ku iposita. Amabwiriza y'uko ikarita ikoreshwa azana na yo. Sura www.maine.gov/reemployme maze ukande kuri "Payment Options" (Uburyo bwo kwishyura) unyuze ku gice cya “Learn About” (Menya ibindi) kugira ngo ubone andi makuru.

## Ibijyanye n'imisoro

Iyo uri gusaba inkunga y'ingoboka bwa mbere, bakubaza niba wifuza ko imisoro ifatirwa (*turakugira inama yo guhitamo ko imisoro ifatirwa niba ubishoboye, kugira ngo wirinde kuzasabwa kuyishyura nyuma buri uko*

*umaze guhabwa inkunga y'ingoboka*). 10% niryo rifatirwa nk'umusoro w'igihugu? 5% niko gafatirwa nk'umusoro wa Leta?

- Niba ufite Ubwishingizi bujyanye n'ubwiteganyirize (SSI) cyangwa Inkunga y'amafaranga y'igihe gito igenerwa imiryango itishoboye (TANF), **ushobora** gusonerwa ku bijyanye n'ifatirwa ry'imisoro ry'ako kanya.

**Nyuma yo gutanga ubusabe, wohererezwa nomero yo kwemererwa na imeyiri yo kwemererwa iyo ubusabe bwawe bwemewe**. Niba udahawe nomero yo kwemererwa, biba bivuze ko utarangije igikorwa cyo gusaba.

**UGOMBA gutanga icyemezo buri cyumweru kigaragaza ko wifuza guhabwa inkunga y'ingoboka igenerwa abashomeri. Ushobora kubikorera kuri interineti unyuze kuri konti yawe ya ReEmployME cyangwa ukabikorera kuri telefone.**

## IBYIFASHISHWA

**Ibibazo bikunze kubazwa bijyanye n'ibura ry'akazi:** https://www.maine.gov/labor/docs/2020/covid19/covidfaqandui.pdf

**Urubuga rwa MDOL rujyanye n'ibura ry'akazi:** https://www.maine.gov/unemployment/

**Amakuru ajyanye n'ibura ry'akazi kubera COVID-19:** https://www.maine.gov/labor/covid19/

**Gutanga ubusabe kuri interineti:** **www.maine.gov/reemployme**

**Amasaha y'akazi ya serivisi ishinzwe gutanga inkunga y'ingoboka:** Guhera ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu, kuva saa 8h00 z.m. kugeza saa 5h00 z.n.

**Amasaha y'akazi ya serivisi ishinzwe gufasha abagenerwabikorwa:** Guhera ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu, kuva saa 8h00 z.m. kugeza saa 12h30 z.n.

**Nomero ya telefone ya serivisi ishinzwe gufasha abagenerwabikorwa:** 1-800-593-7660

Serivisi ishinzwe gufasha abagenerwabikorwa itangirwa kuri interineti: www.maine.gov/labor/contact (hitamo buto ya "unemployment" [ibura ry'akazi])

Shaka Ikigo gifasha ubufasha bujyanye n'akazi cyangwa Ikiganiro mbonankubone: https://www.mainecareercenter.gov/locations/index.shtml